| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA PEREZIDA N° 129/01 RYO KU WA 16/12/2020 RYEREKEYE IMIPAKA NA KOMITE IKURIKIRANA IMIKORERE Y'IMIPAKA** | **PRESIDENTIAL ORDER N° 129/01 OF 16/12/2020 RELATING TO BORDER POSTS AND THE BORDER POSTS STEERING COMMITTEE** | **ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 129/01 DU 16/12/2020 RELATIF AUX POSTES-FRONTIÈRES ET LE COMITÉ DE PILOTAGE DES POSTES-FRONTIÈRES** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**<br>**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**<br>**Ingingo ya 3: Imipaka yemewe mu Rwanda**<br>**Ingingo ya 4: Amasaha imipaka ikora**<br>**Ingingo ya 5: Abagize Komite**<br>**Ingingo ya 6: Inshingano za Komite**<br>**Ingingo ya 7: Itumizwa n'iterana ry'inama ya Komite**<br>**Ingingo ya 8: Itumira mu nama ya Komite ry'umuntu ushobora kuyungura inama** | **Article One: Purpose of this Order**<br>**Article 2: Definitions**<br>**Article 3: Official border posts in Rwanda**<br>**Article 4: Borders operational hours**<br>**Article 5: Composition of the Committee**<br>**Article 6: Responsibilities of the Committee**<br>**Article 7: Convening and holding of meeting of the Committee**<br>**Article 8: Invitation of a resource person to the meeting of the Committee** | **Article premier: Objet du présent arrêté**<br>**Article 2: Définitions**<br>**Article 3: Postes-frontières officiels au Rwanda**<br>**Article 4: Heures d'ouverture des postes-frontières**<br>**Article 5: Composition du Comité**<br>**Article 6: Attributions du Comité**<br>**Article 7: Convocation et tenue de la réunion du Comité**<br>**Article 8: Invitation d'une personne ressource à la réunion du Comité** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 9: Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama ya Komite n'inyandikomvugo yayo** | **Article 9: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Committee** | **Article 9: Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Comité** |
| **Ingingo ya 10: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **Article 10: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **Article 10: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 11: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 11: Repealing provision** | **Article 11: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 12: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **Article 12: Commencement** | **Article 12: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA PEREZIDA N° 129/01 RYO KU WA 16/12/2020 RYEREKEYE IMIPAKA NA KOMITE IKURIKIRANA IMIKORERE Y'IMIPAKA** | **PRESIDENTIAL ORDER N° 129/01 OF 16/12/2020 RELATING TO BORDER POSTS AND THE BORDER POSTS STEERING COMMITTEE** | **ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 129/01 DU 16/12/2020 RELATIF AUX POSTES-FRONTIÈRES ET LE COMITÉ DE PILOTAGE DES POSTES-FRONTIÈRES** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, 122 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120, 122 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120, 122 et 176; |
| Dushingiye ku Itegeko n° 57/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye abinjira n'abasohoka mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 37 n'iya 39; | Pursuant to Law n° 57/2018 of 13/08/2018 on immigration and emigration in Rwanda, especially in Articles 37 and 39; | Vu la Loi n° 57/2018 du 13/08/2018 sur l'immigration et émigration au Rwanda, spécialement en ses articles 37 et 39; |
| Dusubiye ku Iteka rya Perezida nº 70/01 ryo ku wa 03/12/2013 rishyiraho imipaka; | Having reviewed Presidential Order nº 70/01 of 03/12/2013 establishing border posts; | Revu l'arrêté présidentiel nº 70/01 du 03/12/2013 déterminant les postes-frontières; |
| Bisabwe na Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika; | Upon proposal by the Minister in the Office of the President; | Sur proposition du Ministre à la Présidence de la République; |
| Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 11/11/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza; | After consideration and approval by Cabinet, in its meeting of 11/11/2020; | Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 11/11/2020; |
| **TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:** | **HAVE ORDERED AND ORDER:** | **AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:** |

| Kinyarwanda | English | Français |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije** | **<u>Article One</u>: Purpose of this Order** | **<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté** |
| Iri teka rishyiraho imipaka y'u Rwanda, rikagena abagize Komite ikurikirana imikorere y'imipaka y'u Rwanda, inshingano n'imikorere byayo. | This Order establishes Border posts and determines the composition, responsibilities and functioning of the Rwanda border posts steering committee. | Le présent arrêté établit les postes-frontières et détermine la composition, les attributions et le fonctionnement du comité de pilotage des postes-frontières du Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Ibisobanuro by'amagambo** | **<u>Article 2</u>: Definitions** | **<u>Article 2</u>: Définitions** |
| Muri iri teka, amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira: | In this Order, the following terms are defined as follows: | Dans le présent arrêté, les termes repris ci-après sont définis comme suit: |
| 1 º **Komite:** Komite ikurikirana imikorere y'imipaka y'u Rwanda; | 1 º **Committee:** the Rwanda border posts steering Committee; | 1 º **Comité:** Comité de pilotage des postes-frontières du Rwanda; |
| 2 º **umupaka:** ahantu hagenwe n'amategeko umuntu anyura yinjira cyangwa asohoka mu gihugu; | 2 º **border post:** a place prescribed by the law where a person passes when entering or exiting the country; | 2 º **poste-frontière:** un lieu prévu par la loi, où une personne passe en entrant ou en sortant du pays; |
| 3 º **icyambu:** ahantu h'inkengero z'ikiyaga cyangwa umugezi, abantu binjirira, basohokera cyangwa aho ibintu binyura byinjira cyangwa bisohoka mu gihugu. | 3 º **port:** a lakeside or riverside facility where persons or goods pass when entering or exiting the country. | 3 º **port:** une installation au bord du lac ou rivière où les personnes ou les biens passent en entrant ou en sortant du pays. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Imipaka yemewe mu Rwanda** | **<u>Article 3</u>: Official border posts in Rwanda** | **<u>Article 3</u>: Postes-frontières officiels au Rwanda** |
| Imipaka yemewe ya Repubulika y'u Rwanda iri ku mugereka w'iri teka. | Official border posts of the Republic of Rwanda are in annex of this Order. | Les postes-frontières officiels de la République du Rwanda sont en annexe du présent arrêté. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Amasaha imipaka ikora** | **<u>Article 4</u>: Borders operational hours** | **<u>Article 4</u>: Heures d'ouverture des postes-frontières** |
| Imipaka ya Repubulika y'u Rwanda ishobora gukora amasaha makumyabiri n'ane (24) ku munsi byemejwe na Komite. | Border posts of the Republic of Rwanda may operate twenty-four (24) hours per day, upon approval by the Committee. | Les postes-frontières de la République du Rwanda peuvent être ouverts vingt-quatre (24) heures par jour, après l'approbation par le Comité. |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Abagize Komite** | **<u>Article 5</u>: Composition of the Committee** | **<u>Article 5</u>: Composition du Comité** |
| Komite igizwe n'abantu bakurikira: | The Committee is composed of the following persons: | Le Comité est composé des personnes suivantes: |
| 1 º Umunyamabanga Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano, Perezida; | 1 º Secretary General of National Intelligence and Security Service, the Chairperson; | 1 º le Secrétaire Général de Service National de Renseignements et de Sécurité, le Président; |
| 2 º Ensipegiteri Jenerali wa Polisi y'u Rwanda, Visi Perezida; | 2 º Inspector General of Rwanda National Police, the Vice-Chairperson; | 2 º l'Inspecteur Général de la Police Nationale du Rwanda, le Vice-Président; |
| 3 º Umuyobozi Mukuru mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano, ushinzwe Abinjira n'Abasohoka mu Rwanda, Umwanditsi; | 3 º Director General in National Intelligence and Security Service, responsible for Immigration and Emigration in Rwanda, Rapporteur; | 3 º le Directeur Général dans le Service National de Renseignements et Sécurité, chargé de l'Immigration et l'Émigration au Rwanda, Rapporteur; |
| 4 º Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro; | 4 º Commissioner General of Rwanda Revenue Authority; | 4 º le Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes; |
| 5 º *Chief Tourism Officer* bw'Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda; | 5 º Chief Tourism Officer of Rwanda Development Board; | 5 º *Chief Tourism Officer* de l'Office pour la promotion du Développement au Rwanda; |

| | | |
|---|---|---|
| 6 º Umunyamabanga Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha; | 6 º Secretary General of Rwanda Investigation Bureau; | 6 º le Secrétaire Général de l'Office Rwandais d'Investigation; |
| 7 º Umuyobozi Mukuru w'Urugaga rw'Abikorera; | 7 º Chief Executive Officer of Private Sector Federation; | 7 º Directeur Général en Chef de la Fédération du Secteur Privé; |
| 8 º Umunyamabanga Uhoraho wa Minisiteri y'Ingabo; | 8 º Permanent Secretary of the Ministry of Defense; | 8 º le Secrétaire Permanent du Ministère de la Défense; |
| 9 º Umunyamabanga Uhoraho wa Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu; | 9 º Permanent Secretary of the Ministry of Local Government; | 9 º le Secrétaire Permanent du Ministère de l'Administration Locale; |
| 10 ºUmunyamabanga Uhoraho wa Minisiteri y'Ibikorwa Remezo; | 10 º Permanent Secretary of the Ministry of Infrastructure; | 10 º le Secrétaire Permanent du Ministère des Infrastructures; |
| 11 º Umunyamabanga Uhoraho wa Minisiteri y'Ubuzima; | 11 º Permanent Secretary of the Ministry of Health; | 11 º le Secrétaire Permanent du Ministère de la Santé; |
| 12 ºUmunyamabanga Uhoraho wa Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda; | 12 º Permanent Secretary of the Ministry of Trade and Industry; | 12 º le Secrétaire Permanent du Ministère du Commerce et de l'Industrie; |
| 13 º Umunyamabanga Uhoraho wa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi; | 13 º Permanent Secretary of the Ministry of Agriculture and Animal Resources; | 13 º le Secrétaire Permanent du Ministère de l'Agriculture et des Ressources Animales; |
| 14 º Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu cyo kubungabunga Ibidukikije. | 14 º Director General of Rwanda Environment Management Authority. | 14 º le Directeur Général de l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Inshingano za Komite** | **<u>Article 6</u>: Responsibilities of the Committee** | **<u>Article 6</u>: Attributions du Comité** |
| Komite ifite inshingano zikurikira: | The Committee has the following responsibilities: | Le Comité a les responsabilités suivantes: |
| 1 º gukurikirana imikorere y'imipaka; | 1 º to oversee the operationalisation of border posts; | 1 º superviser l'opérationnalisation des poste-frontières; |
| 2 º gusuzuma no gutanga inama ku bibazo bibangamiye imicungire ya buri munsi y'imipaka; | 2 º review and recommend solutions to challenges affecting the daily management of border posts; | 2 º examiner et recommander des solutions sur les questions affectant la gestion journalière des postes-frontières; |
| 3 º gutanga ibitekerezo ku mategeko na politiki zerekeye imipaka; | 3 º to provide opinion on the laws and policies relating to border posts; | 3 º donner les avis aux lois et politiques régissant les postes-frontières; |
| 4 º gusuzuma no kwemeza amabwiriza ngengamikorere ku mikorere y'imipaka; | 4 º to review and adopt border post operating procedures manual; | 4 º examiner et adopter le manuel de procédure sur les opérations des postes-frontières; |
| 5 º gusuzuma no kwemeza iyagurwa ry'imirimo n'ibikorwa remezo ku mipaka isanzweho, ndetse n'aho imipaka mishya yashyirwa. | 5 º to review and adopt the extension of services and infrastructure of existing border posts, and areas where new border posts may be established. | 5 º examiner et adopter l'expansion des services et infrastructures des postes-frontières actuelles, et l'endroit où les nouveaux postes-frontières peuvent être établis. |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Itumizwa n'iterana ry'inama ya Komite** | **<u>Article 7</u>: Convening and holding of meeting of the Committee** | **<u>Article 7</u>: Convocation et tenue de la réunion du Comité** |
| Inama ya Komite iterana igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari. | The meeting of the Committee is held whenever necessary upon invitation by its Chairperson or the Vice Chairperson in case of absence of the Chairperson. | La réunion du Comité se tient chaque fois que de besoin, sur convocation du Président ou du Vice-Président en cas d'absence du Président. |

| | | |
|---|---|---|
| Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Komite hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane. Icyakora, kubera impamvu yihutirwa, icyo gihe gishobora kutubahirizwa. | The invitation is submitted in writing to the members of the Committee at least fifteen (15) days before the meeting is held. However, in case of emergency, that timeline may not be respected. | L'invitation est adressée par écrit aux membres du Comité au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion. Cependant, en cas d'urgence, ce délai peut ne pas être respecté. |
| Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ya Komite iterane ni bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Komite. Icyakora, iyo inama itumijwe ku nshuro ya kabiri, iraterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari. | The quorum for a meeting of the Committee to take place is two thirds (2/3) of its members. However, when a meeting is convened for the second time, it takes place regardless of the number of the members present. | Le quorum pour la tenue de la réunion du Comité est de deux tiers (2/3) de ses membres. Toutefois, lorsque la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient sans considération du nombre de ses membres présents. |
| **Ingingo ya 8: Itumira mu nama ya Komite ry'umuntu ushobora kuyungura inama** | **Article 8: Invitation of a resource person to the meeting of the Committee** | **Article 8: Invitation d'une personne ressource à la réunion du Comité** |
| Umuyobozi wa Komite ashobora gutumira uhagarariye urundi rwego kwitabira inama ya Komite abona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibyigwa. | The chairperson of the Committee may invite a representative of another institution to attend its meeting from whom it may seek advice on a certain item on the agenda. | Le président du Comité peut inviter un représentant d'une autre institution de participer à sa réunion dont il peut obtenir des conseils sur un point quelconque à l'ordre du jour. |
| Uwatumiwe ntiyemerewe gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa. | The invited person is not allowed to follow debates on other items on the agenda. | La personne invitée n'est pas autorisée à suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama ya Komite n'inyandikomvugo yayo** | **<u>Article 9</u>: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Committee** | **<u>Article 9</u>: Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Comité** |
| Inyandiko y'ibyemezo by'inama ya Komite ishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikabikwa n'Umwandtsi. | Resolutions of the meeting of the Committee are signed by its members immediately after the end of the meeting and their copy is kept by the Rapporteur. | Les résolutions de la réunion du Comité sont immédiatement signées par ses membres après la séance de la réunion et leur copie est gardée par le Rapporteur. |
| Inyandikomvugo y'inama ya Komite ishyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi wayo imaze kwemezwa na Komite. | The minutes of the meeting of the Committee is signed by the Chairperson and the after approval by the Committee. | Le procès-verbal de la réunion du Comité est signé conjointement par le Président et le Rapporteur après l'approbation du Comité. |
| Komite ishobora gushyiraho amategeko ngengamikorere yayo. | The Committee may establish internal rules and regulations. | Le Comité peut instituer son règlement d'ordre intérieur. |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 10</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 10</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| Minisitiri w'Intebe, Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisitiri w'Ibikorwa Remezo, Minisitiri w'Ingabo, Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta, Minisitiri w'Ubuzima, Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda, Minisitiri w'Ibidukikije na Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. | The Prime Minister, the Minister in the Office of the President, the Minister of Foreign Affairs and International Cooperation, the Minister of Finance and Economic Planning, the Minister of Local Government, the Minister of Infrastructure, the Minister of Defense, the Minister of Justice and Attorney General, the Minister of Health, the Minister of Trade and Industry, the Minister of Environment and the Minister of Agriculture and Animal Resources are entrusted with the implementation of this Order. | Le Premier Ministre, le Ministre à la Présidence de la République, le Ministre des Affaires Étrangères et de la Coopération Internationale, le Ministre des Finances et de la Planification Économique, le Ministre de l'Administration Locale, le Ministre des Infrastructures, le Ministre de la Défense, le Ministre de la Justice et Garde des Sceaux, le Ministre de la Santé, le Ministre du Commerce et de l'Industrie, le Ministre de l'Environnement et le Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales sont chargés de l'exécution du présent arrêté. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **<u>Article 11</u>: Repealing provision** | **<u>Article 11</u>: Disposition abrogatoire** |
| Iteka rya Perezida nº 70/01 ryo ku wa 03/12/2013 rishyiraho imipaka n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho. | Presidential Order nº 70/01 of 03/12/2013 establishing border posts and all prior provisions contrary to this Order are repealed. | L'Arrêté Présidentiel nº 70/01 du 03/12/2013 déterminant les postes-frontières et les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **<u>Article 12</u>: Commencement** | **<u>Article 12</u>: Entrée en vigueur** |
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

Kigali, 16/12/2020

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la Republique

**(sé)**

**Dr NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**

**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

| **UMUGEREKA W'ITEKA RYA PEREZIDA N° 129/01 RYO KU WA 16/12/2020 RYEREKEYE IMIPAKA NA KOMITE IKURIKIRANA IMIKORERE Y'IMIPAKA** | **ANNEX TO PRESIDENTIAL ORDER N° 129/01 OF 16/12/2020 RELATING TO BORDER POSTS AND THE BORDER POSTS STEERING COMMITTEE** | **ANNEXE À L'ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 129/01 DU 16/12/2020 RELATIF AUX POSTES-FRONTIÈRES ET LE COMITÉ DE PILOTAGE DES POSTES-FRONTIÈRES** |
|---|---|---|
| **I. IBIBUGA BY'INDEGE MPUZAMAHANGA**<br><br>1 º Ikibuga mpuzamahanga cya Bugesera;<br><br>2 º Ikibuga mpuzamahanga cya Kigali. | **I. INTERNATIONAL AIRPORTS**<br><br>1 º Bugesera International Airport;<br><br>2 º Kigali International Airport. | **I. AIROPORT INTERNATIONALS**<br><br>1 º Aéroport International de Bugesera;<br><br>2 º Aéroport International de Kigali. |
| **II. IBYAMBU**<br><br>1 º Icyambu cya Nkora mu Karere ka Rutsiro;<br><br>2 º Icyambu cya Ruganda mu Karere ka Karongi. | **II. PORTS**<br><br>1 º Nkora Port in Rutsiro District;<br><br>2 º Ruganda Port in Karongi District. | **II. PORTS**<br><br>1 º Port de Nkora dans le District de Rutsiro;<br><br>2 º Port de Ruganda dans le District de Karongi. |
| **III. IMIPAKA**<br><br>A. Imipaka iri ku mbibi za Repubulika y'u Rwanda na Repubulika ya Uganda:<br><br>1 º Umupaka wa Buhita;<br><br>2 º Umupaka wa Buziba;<br><br>3 º Umupaka wa Cyanika; | **III. BORDER POSTS**<br><br>A. Border posts between the Republic of Rwanda and the Republic of Uganda:<br><br>1 º Buhita Border post;<br><br>2 º Buziba Border Post;<br><br>3 º Cyanika Border Post; | **III. POSTES FRONTIÈRES**<br><br>A. Postes frontières entre la République du Rwanda et la République d'Uganda:<br><br>1 º Poste-frontière de Buhita;<br><br>2 º Poste-frontière de Buziba;<br><br>3 º Poste-frontière de Cyanika; |

| | | |
|---|---|---|
| 4 º Umupaka wa Gatuna;<br><br>5 º Umupaka wa Kagitumba;<br><br>6 º Umupaka wa Rwempasha. | 4 º Gatuna Border Post;<br><br>5 º Kagitumba Border Post;<br><br>6 º Rwempasha Border post. | 4 º Poste-frontière de Gatuna;<br><br>5 º Poste-frontière de Kagitumba;<br><br>6 º Poste Frontière de Rwempasha. |
| B. Imipaka iri ku mbibi za Repubulika y'u Rwanda na Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo:<br><br>1 º Umupaka wa Bugarama;<br><br>2 º Umupaka wa Kabuhanga;<br><br>3 º Umupaka wa *La Corniche*;<br><br>4 º Umupaka wa *Poids Lourds*;<br><br>5 º Umupaka wa Rusizi I;<br><br>6 º Umupaka wa Rusizi II. | B. Border posts between the Republic of Rwanda and the Democratic Republic of the Congo:<br><br>1 º Bugarama Border Post;<br><br>2 º Kabuhanga Border Post;<br><br>3 º *La Corniche* Border Post;<br><br>4 º *Poids Lourds* Border Post;<br><br>5 º Rusizi I Border Post;<br><br>6 º Rusizi II Border Post. | B. Postes-frontières entre la République du Rwanda et la République Démocratique du Congo:<br><br>1 º Poste-frontière de Bugarama;<br><br>2 º Poste-frontière de Kabuhanga;<br><br>3 º Poste-frontière de La Corniche;<br><br>4 º Poste-frontière de Poids Lourds;<br><br>5 º Poste-frontière de Rusizi I;<br><br>6 º Poste-frontière de Rusizi II. |
| C. Imipaka iri ku mbibi za Repubulika y'u Rwanda na Repubulika y'u Burundi:<br><br>1° Umupaka w'Akanyaru *Bas*;<br><br>2° Umupaka w'Akanyaru *Haut*;<br><br>3° Umupaka wa Bweyeye; | C. Border posts between the Republic of Rwanda and the Republic of Burundi:<br><br>1° Akanyaru *Bas* Border Post;<br><br>2° Akanyaru *Haut* Border Post;<br><br>3° Bweyeye Border Post; | C. Postes-frontières entre la République du Rwanda et la République du Burundi:<br><br>1° Poste-frontière d'Akanyaru Bas;<br><br>2° Poste-frontière d'Akanyaru Haut;<br><br>3° Poste-frontière de Bweyeye; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° Umupaka wa Nemba;<br><br>5° Umupaka wa Nshili;<br><br>6° Umupaka wa Ruhwa. | 4° Nemba Border Post;<br><br>5° Nshili Border Post;<br><br>6° Ruhwa Border Post. | 4° Poste-frontière de Nemba;<br><br>5° Poste-frontière de Nshili;<br><br>6° Poste-frontière de Ruhwa. |
| D. Umupaka uri ku mbibi za Repubulika y'u Rwanda na Repubulika Yunze Ubumwe ya Tanzaniya:<br><br>Umupaka wa Rusumo. | D. Border post between the Republic of Rwanda and the United Republic of Tanzania:<br><br>Rusumo Border Post. | D. Poste-frontière entre la République du Rwanda et la République Unie de Tanzanie:<br><br>Poste Frontière de Rusumo. |

| | | |
|---|---|---|
| **Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Perezida n° 129/01 ryo ku wa 16/12/2020 ryerekeye imipaka na Komite ikurikirana imikorere y'imipaka** | **Seen to be annexed to Presidential Order n° 129/01 of 16/12/2020 relating to border posts and the border post steering Committee** | **Vu pour être annexé à l'Arrêté Présidentiel n° 129/01 du 16/12/2020 relatif aux postes-frontières et le Comité de pilotage des postes-frontières** |

Kigali, 16/12/2020

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la Republique

**(sé)**

**Dr NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**

**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux